P.C/Butoto - Kalisa yasubije DCA Arikibigira DOA

Pour information Sg [signature]

GROUPE SCOLAIRE SAINT ANDRE
B.P. 270 KIGALI
Tél.73960
N/Réf: 078/99/12.02/DR/11/6

Kigali, le

Bwana KALISA Rugano Tharcisse
Umuyobozi w'**Itorero ndangamuco Mutabaruka**

IMPAMVU: **guhagarika amasezerano hagati ya Troupe ballet Mutabaruka na Arkidiyosezi ya Kigali**

Date entrée: 06/07/99
N° Classement: 1158/01

2/7/99 BU

**Bwana Kalisa,**

**Mbabajwe no kukwandikira nkumenyesha ko guhera ku italiki ya 24.06.1999 uhereye saa ine za mu gitondo , nta burenganzira ufite kuri salle de spectacle ya collège Saint André wari umenyereye kwita Centre Culturel Saint André.Impamvu narazikwandikiye mu ibaruwa y'integuza .**

**Kugira ngo ntabangamira abo wari wemereye gukodesha icyo cyumba , nagusabye rwose ko wangezaho amatariki bifuza kuba bagiraho imanza zabo .None amaso yaheze mu kirere. Nifuzaga ko wabamenyesha ko wabaye uhagaritse uburenganzira wahabwaga no kuba ukurikiza amasezerano**

**Nanone ishya n'ihirwe mu kazi kawe.**

Padiri UWIMANA Jean Chrysostome
Umuyobozi wa Collège

[signature]

**Bimenyeshejwe :**
-Bwana Ministri w'urubyiruko Umuco no kwigisha imyuga iciriritse
-Nyakubahwa Musenyeri Arkiyepiskopi wa KIGALI
- Musenyeri Kalisiti TWAGIRAYEZU (Econome wa Arkidiyosezi ya Kigali)

*Groupe Scolaire Saint - André Nyamirambo*

B. P. 270/55
Tél. 73460

Nyamirambo , ku wa 7 Kamena 99

N° ..............................................

N/Réf. : 072/99/12.02/DR/11/5

V/Réf. :

Bwana KALISA,

Objet : **Integuza yo gusesa amasezerano.**

Bwana,

Maze iminsi ntegereje ubwishyu ugomba, kubera amazu ya Diocèse wakodeshaga none ndabona binteye kurambirwa. Mu by'ukuri ibaruwa yawe yo ku wa 31 Gicurasi 1999, siyo nari niteze.

Iyi nshuro ibaye iya gatatu ukerereza kwishyura. Simbibonamo ubushake buke. Kuva muri Nzeri 1997, byaragaragaye ko utubahiriza amasezerano twagiranye, inshuro nyinshi ngo tukwihanganire, uracyashakisha, na cya cyizere kiradukeneshęje kitakuretse. Dusanga hari ubushobozi buke no kudashaka kubona ko hari ibyo udashoboye, simvuga umuco, uretse ko nawo utakiri uwa za mfura! Ndavuga mu mishakire no mu micungire y'amafaranga.

Umugabo arigira yakwibura agapfa, n'Imana ifasha uwifashije. Kunyemeza ko ubwo T.R.M. yabonye "gishyigikira ya"Leta"" mugiye kubona amafaranga y'imishinga, mbona atari byo, kuko ntibyakumvikana ko "abagirincuti" babanza kukwishyurira umwenda, nawe urabizi. Uwabwira abo bose ko urimo umwenda w'amezi cumi n'atatu, ahwanye na miliyoni zigera kuri esheshatu na magana ane (6.400.000FRW) batangirira ku mushinga w'angahe? Ese uwasubira mu mateka ya ziriya "chèques" usinya utizigamye byo byagera he? Ariko sibyo byanzinduye!

Nakwisabiraga kwakira iyi baruwa nk'integuza yo gusesa amasezerano. Nta kindi nari nteze ku nzu ukoreramo, kitari ukumfasha kwigenga, sinabishobora ntarabona uko nihaza; kandi ndabona ari wowe wabinteye. Iminsi cumi n'itanu(15) ndasanga iguhagije, ngo ucenye ibyo washeyye muri iyo nzu, ubyiyishyure mu mafaranga

.../...

*Groupe Scolaire Saint-André Nyamirambo*

B. P. 270/55
Tél. 73260

Nyamirambo ..........................................

N° ..........................................

N/Réf. :

V/Réf. :

Objet :



uturimo. Natwe tuzaba tureba ibyo wangije "devis" tuzayikohereza.

Nkusabe kumva ko ntacyo mpfa n'umuco waba ukorera cyangwa"ubungabunga". Igihe cyose uzatwiyambaza tuzagutera inkunga, ariko bititwa ko ukodesha ngo bibe n'urwitwazo kandi utabishoboye. Tuzajya tugutiza aho uzigishiriza"umuco" kimwe n'uko twatiza abandi muzajya mwunganirana. Niba kandi ibi utabyumvamo inama, emera wishyure byose mbere y'iminsi cumi n'itanu(15). Bitabaye ibyo amategeko ampa uburenganzira bwo kukwima amayira, ndetse no kukurega.

Na none ishya n'ihirwa iwanyu.

BIMENYESHEJWE:

- Musenyeli TWAGIRAYEZU Calliste
  Econome Général
  KIGALI.

Padiri UWIMANA Jean Chrysostome

Umuyobozi w'Ikigo.

KALISA RUGANO Tharcisse
Théâtre Ballet
MUTABARUKA
B.P. 2393 KIGALI

Kigali, le 26 KAMENA 199?

J&A
Pour information
Sg.

A traiter par ..........
Date arrivée : 07/07/99
N° Classement : 1172/91

Kuri Nyakubahwa Padiri
UWIMANA Jean Chrisostome
Umuyobozi wa Collège Saint Andé
i NYAMIRAMBO.

Impamvu : Ku guseswa kw'amasezerano

Nyakubahwa Padiri,

Sindi bukubwire byinshi, ntitwavuganye bike.... Aliko ndakubwira mbwira n'abandi wahaye copie y'ibyo wanyandikiye, cyane cyane Musenyeri mukuru na Minisiteri iturebera UMUCO.

Tugirana amasezerano, twatangiriye ku myaka itatu urabyibuka. Twabihinduye imyaka itandatu bitewe n'uko iby'umuco bitaratera imbere. Ko tugomba kugerageza imyaka myinshi imbere y'uko abantu bamenyera, bakinjira muri salle.Kwari ukugira ngo tumenyereze... Hari na Article ya Contrat twagiranye ivuga ubwo bwihanganirane.

- Ubu kuri Saint André hamaze kumenyekana gato. Abantu batangiye kuza n'ubwo ari bake, aliko baraza.
- Uribuka ko twari twasezeranye ko mu mezi atatu nyuma ya signature du contrat, uzaba wankoreye ibikenewe kugira ngo salle itunganire imikino. Kandi nagowe no kuriha nyuma, ubundi amezi ya mbere narayishyuye kugeza kuri (4 100 000 Frw) arizo miliyoni enye n'ibihumbi ijana. Nategereje ko wagira icyo ukora kuli salle ndaheba. Nakubwira ukabyihorera nanjye nkanga gukanga Rutenderi ngo bizakorwe. Kugeza ubu nta mazi tugira, imisarani ntikoze, nagombye gutanga amafaranga atari make ngo ngabanye za nyiramubande ziterwa n'uko igisenge kirangaye. Ahagana kuri scène, ndetse n'ahagana inyuma. Kugirango dusukure salle tugomba kuvoma amazi hanze!
- Uribuka Nyakubahwa ko wakodesheje dépôt iri hafi ya salle.

Hashize amezi arenga umunani ibikamyo bya rukururana bihagarara mu nzira twanyuragamo imbere n'iruhande rwa salle, ku buryo nta yindi modoka yashoboraga kuhanyura. Nabikubwiye kenshi ko bitubuza gukora, ibyo bikamyo bisakuza, bigonga inzu, ndetse nawe bikagutera isoni, aliko wowe wanga gukanga Rutenderi ngo ahari nawe utabura ayo mafaranga, bituma wihorera twebwe abahanzi kuko twari les plus faibles. Byatwiciye akazi cyane ku buryo budasubirwaho.Mwakomeje gukoreshereza ubukwe muri salle de réfectoire bihagarika abazaga muri salle. Twabibonye igihe kirekire nka concurrence déloyale.

- Mutunganyije igaraje ryanyu mwazanye ibimodoka bimeze nk'ibikurura tracteurs! mubisuka aho dukorera mubirekera aho.
Naringinze ngo bihave n'izo kamyo zijye guhagarara ahandi urabisuzugura
peee !!! Na n'ubu ibyinshi biracyahari. Comme dans une poubelle !!! Aba journalistes ba Televiziyo barinze kuza kubifotora kuko byari biteye isoni. Ibikamyo ku murongo...!
Ibyo byose byirukanye abantu nk'umwaka wose. Nawe uzi ko umuco ukomeye cyane aliko ukagira n'intege nke iyo udashyigikiwe bihagije. Niko byagenze n'ubwo impamvu atari izo gusa. Sinzi ko wibuka uhinga amasaka aho twagombaga gukorera, nakubaza uko bigenze ukansubiza avec désinvolture ngo " Ntawe ukora kuri Anvironnement! " Ndaruca ndarumira! Icyo gihe nari mfite amafaranga yo gukora aza gushira.
- Ibyo byose nabyihanganiraga ntekereza ko tuzamenyereza buhoro buhoro none wampaye préavis y'iminsi cumi n'itanu ! N'uwakodesheje inzu yo gucumbikamo, iyo atarabona iyo ajya baramwihanganira.

Sinirengagije ko muri ayo mezi nananiwe kuriha. Ndetse nanabashimiye byimazayo kuba mwarihanganye ntimwihutire kurega kuri chèques zitabaye honorés, n'ukuvuga ko mwirinze kugira nabi. N'abahanzi bacu barabibashimiye.

Aliko se kandi, nanjye narubatse. Hari ibyuma bya cinéma, na antenne parabolique banque yampaye ngo bikore. Ubu birahari n'ubwo bitaratangira gukora neza.
Uko nageragezaga kuba nariha, ninako nageragezaga kugira za investissements, si minimes qu'ils soient pour que la salle soit viable et fréquantable.
Ubu byose byaba bigiye gusenywa kandi huti huti!
Mbasabye rero, ko mwampa préavis kuva ubu, ikwiranye n'amasezerano twagiranye. Nsabye amezi atatu kuko nzi neza ko nzaba narishye noneho n,gakomeza.

- Mbitewe na contrats ntari narigeze mbona ubu ngiye gukora. Ngiye au festival d'Avignon . C'est le temple du théâtre. Nzavanayo amafaranga. Nzayabaha.

- Igitabo nanditse kigiye gusohoka.
- Tugiye gukora cassette vidéo professionnelle tuzayigurisha par souscription. Ç'est de l'argent sûr. tuzayabaha, tube turangije kuriha. Hari n'abandi bemeye kubidufashamo kandi babivugiye muri salle namwe muhari.
- Hari n'indi contrat de théâtre pour une "Symbiose sur la colline"
- Natangajwe n'uko tuganira ejo bundi, wambwiye ko naba mpagaritse, nkabanza nkishyura, nkabona gusubiramo. Ko kandi ushaka kugira réhabilitation de la salle ! Réhabilitation kuko tuvuyemo! Nk'aho ari agahimano kuko ari ibyo nasabye simbihawe, kandi biri mu masezerano.
- Uti kandi utagize vuba nzavanamo intebe zanjye. Nkaho abantu batazisanzemo. Wibuke Nyakubahwa Padiri Muyobozi, ko uwazaga gukodesha intebe amafaranga yajyaga mu kigega cya Collège atari muri Théâtre-Ballet MUTABARUKA ari twe dukora ako kazi.
-Abahanzi baracyishakashaka. Aliko politique iriho ubu isa n'aho ijyana mu kwivugurura. Mutwihanganire ayo mezi turabasabye, nk'uko nabibandikiye, c'est l'été de tous les espoirs. Nitutabitunganya rero muri icyo gihe, dore mwatanze abagabo, bizaba bitunaniye aliko mwagerageje.

Mugire ishya n'ihirwe

KALISA RUGANO Tharcisse
Umuyobozi w'Itorero Ndangamuco
MUTABARUKA

<u>Bimenyeshejwe:</u>

- Minisitiri w'Umuco, Urubyiruko na Siporo
- Musenyeri Mukuru wa Diocèse ya Kigali
- Musenyeri Econome wa Diocèse